ITANGAZO RY'IPIGANWA RY'IMISHINGA

ABO BIREBA: AMAKOPERATIVE CG IHURIRO RY'URUBYIRUKO RUFITE UBUZIMA GATOZI AKORERA MU MIRENGE ICYENDA Y'**AKARERE** KA GICUMBI, **"UMUSHINGA GREEN GICUMBI"** UKORERAMO ARIYO **BYUMBA, CYUMBA, MANYAGIRO, RUBAYA, KANIGA, BWISIGE, SHANGASHA, MUKARANGE NA RUSHAKI.**

ICYO KWIBANDWAHO: GUTEGURA IMISHINGA IJYANYE NO KURENGERA IBIDUKIKIJE NO GUHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

Ku nkunga ya Banki y'Isi, Leta y'u Rwanda ibinyujije mu Kigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA) irimo gushyira mu bikorwa umushinga witwa "Rwanda NDC Deep Dive:

Intego yawo ni ukongerera ubushobozi bw'igihugu bwo guhangana n'ingaruka ziterwa n'imihindagurikire y'ibihe bijyanye n'ibyo igihugu cyiyemeje mu kubahiriza amasezerano y'i Paris.

Mu bikorwa uwo mushinga ufite by'ingenzi, harimo gushyigikira Imishinga icyiriritse binyuze m' Ikigega cyo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe (CAF) ku rwego rw'abaturage aho batuye. Iki Kigega kizatera inkunga imishinga icyiriritse y'abaturage ifitanye isano no kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe kandi ibyara inyungu.

Ni muri urwo rwego Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA) cyongeye gutanga amahirwe mw'ipiganwa ry'imishinga myiza ikozwe n'amakoperative, yazaterwa inkunga binyuze muri icyo kigega cya CAF.

FONERWA ikaba ihamagarira amakoperative cg ihuriro ry'urubyiruko rufite ubuzima gatozi akorera ibikorwa byayo mu mirenge 9 y'Akarere ka Gicumbi ari yo: *Byumba, Cyumba, Manyagiro, Rubaya, Kaniga, Bwisige, Shangasha, Mukarange, Rushaki*, **gutanga imishinga isaba inkunga y'amafaranga yo gushyira mu bikorwa yujuje ibisabwa na FONERWA**. Iyo mishinga igomba kuba iri mu nzego Ikigega CAF cyibandaho. Inkunga isabwa ntigomba kurenza amafaranga bijyanye ni nzego Ikigega CAF cyibandaho zikurikira

1. **Gukora ifumbire y'imborera: 80,000,000 frw**
2. **Gukora Imbabura zigabanya ibicanwa:75,000,000 frw**
3. **Guteze imbere ubuhinzi bw'ibihunyo. 5,000,000 frw**
4. **Gukora pepiniyeri y'ingemwe z'ibiti by'imbuto ziribwa, ibivangwa n'imyaka n'ubundi bwoko bwagurishwa nk'ubw'umurimbo :25,000,000 frw**
5. **Gutunganya umusaruro ukomoka ku nzuki: 40,000,000 frw**

IBIGENDERWAHO MU GUTORANYA IMISHINGA N'AMANOTA

Isuzuma ryo gutoranya imishinga yujuje ibisabwa kugira ngo ihabwe inkunga ya FONERWA rizashingira ku ngingo zikurikira:

- Isobanurampamvu n'imiterere, intego, n'imicungire by'umushinga (Project description, objective, expected results and management/governance): …. /20
- Kuba umushinga ugaragaza mu buryo budashidikanywaho uburyo uzunguka (Business potential): …. /15
- Ibikorwa bigaragaza uburyo umushinga uzagira uruhare mu kubungabunga/kurengera ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe(gukoresha neza ingufu z'amazi, ingufu z'isubiranya n'ibindi :10 pts
- Guhanga udushya(Innovation):10
- Ubusobanuro bwimbitse bw'ingego y'imali ikenewe ku mushinga (Budget description): …../15
- Uburyo umushinga uzaramba/ Ingamba mu gusigasira ibyagezweho (Sustainability): ….. /20
- Kugaragaza uruhare rwa Koperative mu mushinga/ 10

IBIZITABWAHO MU KWEMEZA DOSIYE Z'UBUSABE

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umyobozi wa Fonerwa
- Ifishi y'umushinga usabirwa inkunga yujujwe neza
- Icyemezo kigaragaza y'uko koperative yiyandikishije nibura ku rwego rw'Akarere ka Gicumbi.
- Kuba ibyo basabira inkunga bijyanye nibyo basanzwe bakora.
- Icyangombwa cy'ubutaka ku basaba ibikorwa bitimukanwa cg kwerekana amasezerano y'ubugure yemejwe na noteri cg ibaruwa yo gutiza koperative ubutaka itanzwe n'Akarere.
- Inyandiko y'ishusho y'umutungo
- Kopi ya page igaragaza abasinya kuri banki ya cooperative
- Urutonde rw'abanyamuryango ruriho Amazina, icyo ashinzwe, nimero y'irangamuntu, nimero za telephone, Aho batuye (Umurenge n'akagali), umugabane na sinyatire.

ICYITONDERWA

- Koperative ntiyemerewe gutanga umushinga urenze umwe.
- Inyandiko zose zisaba inkunga zigomba kuba ziri mu Kinyarwanda kandi zandikishije imashini iri muri "PDF format".

IBIDASABIRWA INKUNGA:

Kwishyura inguzanyo, gukodesha ubutaka no kubaka inzu (inzu yo gukoreramo, inzu y'ubucuruzi) kugura ubutaka, kugura imodoka, kwishyura amafaranga y'ingendo ya Nyir'umushinga, n'amafaranga yo gutegura imishinga, guhemba abakozi ba Koperative, kugura mudasobwa.

Uretse ingingo zasobanuwe haruguru muri iyi nyandiko, buri Koperative isaba ikunga ya FONERWA **igomba nibura kuba yariyandikishije ku rwego rwa Karere ikoreramo ibikorwa byayo.**

FONERWA ikaba ishishikariza abasaba inkunga bose gusoma neza inyandiko zitanga amakuru arambuye kuri iki gikorwa ndetse no kuzuza inyandiko yo gusaba inkunga iboneka unyuze ku rubuga rwayo http://fonerwa.org/kin/amatangazo (mu gice cy'amatangazo), ku mugereka w'iri tangazo ndetse no ku biro imirenge CAF izakoreramo ariyo : *Byumba, Cyumba, Manyagiro, Rubaya, Kaniga, Bwisige, Shangasha, Mukarange, Rushaki.*

ITARIKI NTARENGWA.

Gusaba ikunga ya FONERWA biteganijwe kuva tariki ya 14/11/2022 kugeza 05/12/2022 saa 17h00. Inyandiko zisaba inkunga zizarenza igihe cyavuzwe haruguru ntabwo zizakirwa cyangwa ngo zisuzumwe. **Inyandiko z'imishinga ndetse n'ibindi bisabwa biherekeza ibaruwa bizoherezwa kuri email: application@fonerwa.org biteranze kuri 05/12/2022 saa 17h00.**

Ku bindi bisobanuro ku bijyanye n'iri tangangazo, mwahamagara Emile Nsengumuremyi kuri +250788873386, cg mukamwandikira kuri e.nsengumuremyi@fonerwa.org, mu kamenyesha application@fonerwa.org, na info@fonerwa.org.

Bikorewe i Kigali, kuwa 10/11/2022

Teddy MUGABO MPINGANZIMA
Umuyobozi mukuru
Ikigega cy'igihugu cy'ibidukikije – FONERWA